

Ibuka ko aho ubonye mine imwe hashobora kuba hari n'izindi nyinshi.

Niba ubonye mine, tinya! Irinde kuyikoraho. Bibwire umuntu mukuru, cyane cyane umutegetsyi. Niba ugeze ahantu ukeka mine, hirinde, uhagendere kure kandi ubibwire umuntu mukuru.

\*\*\*\*\*

Mine ni igisasu giturika cyakorewe gukomeretsa cyangwa se kwica abantu. Hari mine nini zitegwa amamodoka (amakamyo, amavatiri, amamodoka ya gisirikare) maze zikayashwanyaguza. Hari n'izindi n'oya zikomeretsa cyangwa se zikica abantu.




*Akira uru rupapuro.*

*Urujyane iwanyu, urwereke n'abandi. Murukoreshe cyane cyane mu kwiga icyo mwakora igihe mubonye mine. Murukoreshe kugirango mumenye uko mwari-nda ubuzima bwanyu n'ubw'abandi.*

\*\*\*\*\*


# Gahunda yo kwigisha ibya 'mine' mu mashuri



**Umuntu ubonye mine  
cyangwa se indi  
kabutindi, akora ibi  
bikurikira:**


- Arahagarara
- Akitegereza
- Agasubira inyuma akandagi-  
ra aho yakandagiye aza
- Agashyiraho ikimenyetso  
cyerekana ko hari mine

**Dore ibimenyetso  
byerekana ahantu  
hari mine:**




**1. Uruziga rw'amabuye**

Nubona uruziga rw'amabuye, ujye witonda. Muri urwo ruziga hashobora kuba hahaze mine cyangwa se ikindi gisasu giturika.




**2. Ishami ry'igiti rivunnye  
ridahwanye**

Nuramuka ubonye amashami y'igiti avunnye adahwanye, ifonde. Akenshi aba azengurutse ahantu hari mine.




**3. Ishami riziritseho igita-  
mbaro**

Iki kimenyetso nacyo cyerekana ko hari mine. Iki kimenyetso ni cyo kigaragara cyane. Ni nayo mpamvu aracyo ukwiye gukoresha igihe ubonye mine.



**4. Urumambo rushinze rwu-  
bitseho igikombe**

Iki kimenyetso nacyo cyerekana ko aho kiri hari mine, gusa ntigisobanura neza niba hari imwe cyangwa se nyinshi.



**5. Agahanga k'umuntu  
gashinyitse n'amagufa abiri**

Iki ni ikimenyetso rusange cyerekana ahari mine. Iyo ukibonye, menya ko uhagereye wapfa, kandi ko abategetsi bazi ko hari mine.